Rwanda : Opozisiyo nyarwanda isabwe kwima amatwi umutekamutwe muli Politike (= *un bandit politique sans principes*) witwa Sylvestre Nsengiyumva. Ikindi, hikritikwa umuntu Alexis Kagame, nihakritikwe modèle AKM « Mgr Alexis Kagame et Mureme ».

Mwalimu MUREME Kubwimana,
Statisticien-historien-économiste et politologue rwandais,
Représentant du modèle AKM « Mgr Alexis Kagame et Mureme »

Pour commander ses livres : *prière de bien vouloir utiliser le formulaire du site web :* ***http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/category/edition-sciporwa/***

A. Intangiliro

Umutekamutwe muli politike [= *un bandit politique sans principes*] ni umuntu witwara buraya muli politike. Ni Mhemukendamuke. Arajijisha cyane. Ntafatika. Ni umugambanyi. **Agira amacenga ateye umujinya. Azi gukwepakwepa no gusesera. No mu ntoboro y'urushinge yacamo, aliko mpaka akagera mu bususuruke atavunitse.** Ingero nke : *Safali Stanley, Amandin Rugira, Marc Rugenera, Pierre-Célestin Rwigema, Augustin Iyamuremye, Évode Uwizeyimana, Édouard Bamholiki, JMV Gatabazi, ...*

Urugero rushya rubaye ngombwa gutanga ni urw'umuntu witwa Sylvestre Nsengiyumva umaze iminsi yisiligonda ku maradiyo ya Internet asebya **modèle AKM « Mgr Alexis Kagame et Mureme »** na Opozisiyo nyarwanda. Kumwumva no kureba ukuntu aba akanaguzwa nk'umuswa birasekeje cyane. Aravuga ngo yalize araminuza, aliko imvugo ye ntikwiye. **Ni imvugo gito.** Aravodavoda. Aliyemera mu mafuti. Avuga imhuha n'ibinyoma. Arasebanya. Aravuruguta. Arasisibiranya, aracabiranya, ayobya uburali. Akunda cyane gukritika kandi nta na gihamya na nto aba yifitiye. Aligonfla. Yigira ishyano lyose. Afata abantu nk'abana cyangwa ibicucu. Aliko mu

by'ukuli ni ikigwali kandi ni n'umunyantege nke cyane. Cyakora, utamwitondera, yamuta mu rudubi. **Hali ikintu kitagenda muli we.**

Nubwo bwose, ibintu yavuze kuli Mgr Alexis Kagame Se-Mateka no kuli Opozisiyo nyarwanda, bisekeje cyane, ntabwo ali ibyo kureka, kurorera no kwihanganira. Mgr Alexis Kagame Se-Mateka yaratabarutse, aliko umuzahuzi w'ibikorwa yasize akoze [= *son continuateur*] aliho. Ni Mwalimu Mureme Kubwimana. Mu by'ukuli rero, yaba Fpr Inkotanyi, yaba umutekamutwe wayo Sylvestre Nsengiyumva, yaba igisahiranda cyayo Amandin Rugira, bose bazi ibyo balimo. Bafite icyo bagamije. Nta shiti, birashya bishyira Mwalimu Mureme Kubwimana na **Mcr Abasangirangendo [= *les Centristes Gitéristes-Kayibandistes*].** Kubaterereza Aba-Hima-Tutsi birananiranye, none bati : « *Reka tubashumulize Umuhutu mwiza wacu waminuje Sylvestre Nsengiyumva* ».

Ngilyo ibanga. Intasi ihora ivuga nabi cyane uwo ikorera, kugira ngo abo igambanira bayizere 100%, maze ibone gukora bya nyabyo ibyo yapatanye. Kwiyita « ***animateri wa Révolution*** » ni couverture. Ni igihu. Icyambere, nta mouvement politique izwi Sylvestre Nsengiyumva akoreramo. Ikindi, ngo kuli we : « **Opozisiyo nyarwanda ni Zero** ». Ibi byitwa ***confusion*** na ***manipulation***. Mu by'ukuli, Sylvestre Nsengiyumva si Opozisiyo nyarwanda akorera, kuko ayita Zero. Ahubwo arayivuruguta. Ni Gatumwa. Ni Gishigisha. Iyaba yayikoreraga, ntiyayiteye amacumu angana gutya, kandi ntiyanarota ayitesha agaciro bene aka kageni. Wakwiyita gute inshuti y'abantu kandi ulimo ubasebya, ubasenyera, ubakuba na Zero, wilirwa ubabwira ko ntacyo bali cyo ; ko ntacyo bamaze ; ko bacuramye ? Banabikubwira, ntiwumve ! **Ahasigaye rwose ni ukumwiyama no kumwihaniza. Ubyungukiramo arazwi.**

Modèle AKM « Mgr Alexis Kagame et Mureme » iliho ! Igomba rero gusubiza, kubulira Opozisiyo nyarwanda, kumulikira Rubanda, kubifutura, kubisobanura, ….

B. Gihamya ya mbere y'Ubutekamutwe bwa Sylvestre Nsengiyumva (= *un bandit politique sans principes*).

Mu kwezi kwa gatandatu 2018, umuntu yaranyandikiye ansaba kuzumva ibiganiro bya Sylvestre Nsengiyumva, ngo ku maradiyo ya Internet anyuranye. Bwa mbere, numvise ibiganiro bye bibili yise « ***Ubuhamya bwanjye bw'agahinda natewe na Fpr Inkotanyi*** », yagiliye kw'Ikondera.com ku wa 05/08/2018 no kuwa 09/08/2018. Ni ibiganiro birebire cyane. Si ngombwa kubyunva none aha ngaha. Ndatanga incamake yabyo hasi aha.

Muli make, Sylvestre Nsengiyumva arasobanura ukuntu Fpr Inkotanyi, ibicishije kuli Ambassadeur Amandin Rugira, yamuhaye ibihumbi bitatu by'ama-dollars, ikamurambagiza, maze ikamucyura mu Rwanda, bamwemereye kumugira Secrétaire d'État. Aliko ngo baramubeshye ; yarahageze baramutendeka ; kera kabaye bagiye kumuha umwanya bamugira ibindi bindi bitali wa mwanya wa secrétaire d'État yifuzaga. N'ibindi, n'ibindi. Ngo kubera imhamvu zinyuranye, yafashe icyemezo cyo kwisubilira mu Bubiligi. Ntawamenya rero niba koko baramweretse indege nkuko

abivuga, cyangwa se niba ahubwo baramuhaye umwanya w'ibanga wa gisabosi mu mahanga. Aho niho hakili urujijo. Aliko buhoro buhoro, ibintu biragenda bifutuka.

Ibyo alibyo byose, si ngombwa kuba umu-politologue gaheraheza kugira ngo utahure ko Sylvestre Nsengiyumva ali indaya ya Fpr Inkotanyi ; ali umutekamutwe muli politike (= ***un bandit politique***). Ibandi nk'iyi rero kirazira kuyigilira icyizere, uko cyaba kingana kose. Ahubwo, ni iyo kwima amatwi, kwilinda no kugendera kure. Nta personnalité agira. Nta murava agira. Rero, nta wamenya.

Kumva icyo kiganiro [= *ufite umwanya*] ni ugukânda ku mbîikisho ikulikira : **http://ikonderalibre.com/index.php/2018/08/05/ubuhamya-bwanjye-bwagahinda-natewe-na-fpr-inkotanyi-sylvestre-nsengiyumva/** no kuli iyi yindi : **http://ikonderalibre.com/index.php/2018/08/09/ubu-ni-ubuhamya-bwanjye-bwagahinda-natewe-na-fprinkotanyi-sylvestre-nsengiyumva-22-fin/**

C. Gihamya ya kabili y'Ubutekamutwe bwa Sylvestre Nsengiyumva [= *un bandit politique sans principes*]

Taliki ya kalindwi ugushyingo 2018 (07/11/2018), Sylvestre Nsengiyumva yarongeye atanga ikindi kiganiro kuli « ***Ikonderalibre.com*** ». Icyo kiganiro cyitwa :

Revolisiyo ya 1959 yaba yarageze ku nshingano zayo ? (igice cya 2/2) : Nsengiyumva Sylvestre
En savoir plus sur :
http://www.therwandan.com/ki/revolisiyo-ya-1959-yaba-yarageze-ku-nshingano-zayo-igice-cya-22-mr-nsengiyumva-sylvestre/

Si ngombwa kucyumva cyose. Agapande ka mbere ni ko ko kwibandwaho. Ngako hasi aha mu nyuguti z'intambike :

- **Umunyamakuru Agnès Mukarugomwa :**

  Nk'ubu umuntu yakwibaza muli ibyo bya Révolution yo muli 1959. Nk'Amateka dusanga yanditse. Usanga yaranditswe n'abali muli ya système ya Cyami. Byagenze bite kugira ngo abali bamaze kugira Révolution ntibashobore kuba nyine, kuba alibo bakontrola imyandikire y'Amateka ?

- **Sylvestre Nsengiyumva :**

  Imwe muli za signes z'uko Révolution nyine itali totale, byali bibaye ubwa mbere mu Mateka ya Révolution, mu Mateka y'Intambara, abatsinzwe alibo bandika Amateka. Kuko ubundi, l'Histoire est toujours écrite par les vainqueurs. Abatsinze ni bo bandika Amateka. Kubera iki ? Kubera ko Amateka ntabwo ali ikintu kili neutre. Ntabwo ali ikintu wafata gutya gusa. L'Histoire, c'est un enjeu politique. C'est un enjeu stratégique. C'est un enjeu idéologique. Amateka ntabwo yandikwa nkuko bandika Sciences humaines. Amateka yandikwa ku bulyo bugamije guserva

inyungu za Politike cyangwa za Idéologie. Ni yo mhamvu aba-révolutionnaires, iyo bamaze gufata Ubutegetsi, ibintu bya mbere bihutira, bihutira gufata Amateka bakayiyapropriya, bakayagira ayabo, bakayandika bundi bushya. Bayandika bambaye indorerwamo za Révolution. Ntabwo ali ukuvuga ngo barayamanipulatinga. Umbabalire indimi mvuga. Baba bayandika ku bulyo, ubulyo yanditse bitazabangamira le processus révolutionnaire ikomeza. Navuze ko le système politique ihinduka muli le court terme. Le système social ifata igihe. C'est un processus révolutionnaire permanent. Urabona nka Cuba. Cuba iracyakomeza Révolution. Donc, ni uko nguko.

Et d'ailleurs… Ahangaha rero kuli icyo kibazo umbajije cy'Amateka. Mvuze ko Amateka yanditswe n'abatsinzwe. Nagira ngo nkubwire ko le chef de file w'abantu banditse Amateka y'U-Rwanda ni umuntu witwa Mgr Kagame Alexis. Icyo gihe yali umupadiri. Hali Bigirumwami. Hali abitwa Muvara. Hali abitwa Mahame, ndetse n'Abazungu. Abangaba rero, bali abapadiri, ntabwo bali Abatutsi basanzwe, uretse ko bali n'Abatutsi, ntabwo bali Abatutsi basanzwe. Bali Abatutsi b'Abaristocrates. Bakomokaga muli régime ya Kera.

Ndetse ubundi Kagame ajya kwandika Amateka, Umwami Rudahigwa ni we wagiye kumushaka kuko yigaga muli Grand séminaire, Grand séminaire nkuru ya Nyakibanda azwiho ibintu by'ubutore, ubutore bwa gipfura, byabindi by'Umuco w'Ibwami. Umwami aragenda aramushaka amushinga kwandika Amateka y'U-Rwanda ahereye ku byo Abiru bagombaga kumubwira kuko Amateka ntiyali yaligeze yandikwa. Amateka bayatransmettaga par tradition orale. Abiru bali dépositaires.

Rimwe tuzaganira ku Mateka y'Ingoma nyiginya. Umuntu yayigereranya n'Amateka ya Yezu. Amateka y'Ingoma nyiginya yali afitwe n'Abiru. Ubwo Umwami ategeka Abiru ati : « Nimufungure isanduku y'Ubwiru. Kagame yicare hasi, noneho yandike Amateka ye ». Kuko, ni Amateka y'Abanyiginya. Ayo Mateka muli Histoire y'Ubwami yanditse mu cyo bita mu gifaransa Épopée. Ni Épopée nyiginya. Kuko ni yo twize, twakuliyemo. Twize Amateka. Twigishijwe iby'Amateka. Iyo uyarebye, usanga ali ibintu extraordinaires. Donc ni Amateka amagnifiya abo Bami ba Kera, Ubutwali bwabo, Patriotisme, Ubuhanga mu bintu by'Uburwanyi, kwagura U-Rwanda, Ubuhanga mu bya stratégies militaires, Ubuhanga mu bya Machéiavélisme, … Urabona ibya Machiavél. Wawundi Machiavel. Wa Mutaliyani wanditse ibitabo asobanura ukuntu Ubutegetsi bw'amayeli bukora. Ugasanga muli ibyo bitabo, ukuntu baliya Bami bali bafite Ubuhanga cyane. Bya Machiavélisme.

- **Umunyamakuru Agnès Mukarugomwa :**

Urabivuga nk'aho ayo Mateka usa n'utayemera.

- **Sylvestre Nsengiyumva :**

Ayo Mateka nta kuntu yaba ali yo kuko déjà yanditswe n'umufana. Nkuko nahoze mbikubwira. Ibindi tuzabivugana, nituvuga nyine, dukora critique historique ya Kagame, aliko mu bulyo bw'ubukangurambaga. Kuko jye sindi historien. Ndetse nzabikubwira nk'aliya Mateka ya Yezu. Kuko jye nize muli Grand séminaire. Jye nize Bible. La Bible yanditswe nyuma y'imyaka 70 Yezu apfuye, bahereye ku bintu abantu bahererekanyaga banabibwirana. Aba-apôtres- Aliko yandikwa kubera ko hali hafashwe icyemezo cyo gushinga la religion catholique. Le Christianisme. Ufashe icyemezo d'abord cyo gushinga. Noneho ukandika pour servir. Ni yo objectif. N'abo rero, aba, kubera bali aba-Aristocrates. Na Bigirumwami yaranditse. Bayanditse nk'abafana b'Ingoma nyiginya. C'est normal. Kandi noneho bayandika Ingoma nyiginya ihilitswe. Urumva ko bali muli logique ya Restauration, bespéra ko hazaba Restauration. ***Ni ukuvuga ko banditse Amateka pour servir une Restauration future hypothétique ishoboka.***

Ibi byose Sylvestre Nsengiyumva amaze kuvuga ndabihakanye. Byose uko byakabaye. Si byo. Habe na busa. Ashwi daaa ! Ni amanyembwa. Ni amateshwa. Ni amahomvu atagira Shinge na Rugero. Ni Ubutekamutwe. Syvestre Nsengiyunmva ni umutekamutwe, n'umuswa ukabije :

a. Ubwiru ntabwo ali Amateka. Ahubwo ni Amahame y'Ukwemera na Liturjiya ntagatifu Kimeza-milyango. Rero, ni Amaliba y'Amateka. Uwashaka kurushaho kubimenya, yarebera mu gitabo cya Mwalimu Mureme Kubwimana, aha ngaha : **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-mureme-kubwimana-traite-du-code-esoterique-ubwiru-kimeza-milyango-edition-sciporwa-rouen-mars-2018-272-pages/**
b. Nta sanduku y'Ubwiru yabagaho. Ubwiru bwafatwaga mu mutwe igisekuru nyuma y'kindi. Abanyarwanda ba kera ntibali bazi kwandika. Icyo Alexis Kagame yakoze ni ukubushyira mu nyandiko gusa. Ntiyigeze abusesengura. Umunyarwanda wa mbere na mbere mu Mateka y'U-Rwanda wasesenguye Ubwiru, akabuheraheza, -*wenyine kugeza ubu*-, ni ***continuateur*** we Mwalimu Mureme Kubwimana mu gitabo yanditse cyitwa : **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-mureme-kubwimana-cours-de-liturgie-mystique-imaniste-edition-sciporwa-rouen-mai-2018-442-pages/**
c. Mgr Aloys Bigirumwami, padri Mahame, padri Muvara, ntibigeze bandika ibitabo by'Amateka y'U-Rwanda. Nta n'ubwo bali aba-aristocrates. Ewe na Mahame, *wabarushaga Ubupfura*, ntiyali we. Yali **un moyen Noble Hima-Tutsi** [= *Umututsi w'Umunyiginya, aliko w'Umwenegatambira. Apana Umuhindiro.*]. Kwa Bigirumwami no kwa Muvara bo rwose bali des bas Nobles Hima-Tutsi. Kuvuga ngo Umugesera w'Umuzirankende Aloys Bigirumwami yali aristocrate ni ukubeshya.
d. Mgr Alexis Kagame Se-Mateka ntiyali aristocrate (= impfura y'imbere), ahubwo yali Umututsi modéré, w'Umusinga, w'invange y'Abatutsi n'Abahutu.
e. Mutara III Rudahigwa Se-Muco yarambagiraga mu Rwanda. Ntiyagiye mu Nyakibanda agiye gushaka Alexis Kagame. Ntiyali amuzi. Yamubwiwe

n'ibiroli byahabereye. Abonamo umusore ufite ingabire zidasanzwe abantu bose batangalira. Amwigomba atyo.

f. Mgr Alexis Kagame ntiyigeze aba Umunyamateka w'U-Rwanda mbere y'isubirana lya Indépendance. Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge niwe wamugize **historiographe w'U-Rwanda.** Nawe yaramwigombye. Ntabwo rero ali Mutara III Rudahigwa Se-Muco wamugize **historiographe w'U-Rwanda**.

g. Ibitabo by'Amateka y'U-Rwanda Mgr Alexis Kagame Se-Mateka yanditse, yabyanditse nka **historiographe w'U-Rwanda** washyizweho na Republika, abyandika mu bufatanye n'Abahutu, n'Abatutsi, n'Abatwa, na Présidence, na Inrs. Ntabwo rero byali bigamije ***Restauration de la Noblesse Hima-Tutsi. Si n'Amateka y'Abanyiginya, y'Abatutsi cyangwa y'Ibwami. Rwose si na gutyo Amateka akorwa.***

h. Amateka ni **« *Science cumulative* ».** Ntabwo ali **« *Discours politique* ».** Si byo ! Ntabwo ali « za histoires : ***ce ne sont pas des histoires*** » z'abatekamutwe nka Sylvestre Nsengiyumva. Uyu muswa yize he ?

Byagenze bite rero, mu bulyo bwiza buli kronolojike ?

1. Mbere y'isubirana ly'Ubwigenge ku wa 01/07/1962

Nta Munyarwanda numwe wali wemerewe kwandika Amateka. Ndetse n'abasaza bali bazi mu mutwe « **Amaliba y'Amateka** : ***les sources de l'Histoire*** » baratotezwaga cyane. Bamwe baraligiswaga, abandi bagahunga, bakajya mu mahanga. Mutara III Rudahigwa Se-Muco abibonye, biramubabaza, yanga ko « **Amaliba y'Amateka y'U-Rwanda** » yazasibangana, niko gutekereza ko byose byakwandukurwa, bigashyirwa mu nyandiko.

Mu gihe yalimo arambagira mu Rwanda, yaje gusanga mu Iseminali nkuru ya Nyakibanda, - *mu biroli byahabereye*-, umusore ufite ingabire zidasanzwe witwaga Alexis Kagame. Aramwigomba. Amuha inshingano zo gushyira mu nyandiko « **Amaliba y'Amateka y'U-Rwanda** » kugira ngo atazasibangana, U-Rwanda rugasigara mu mwijima nkuko Ababiligi babyifuzaga. Ni hahandi aliko, basanze hali amaliba make cyane yali yarasibye, abasaza ba nyuma na nyuma bali babizi bamaze gupfa. Cyakora ibyinshi byabashije gutabarwa ku minota wa nyuma. Ni yo mhamvu Mutara III Rudahigwa yitwa Se-Muco, naho Alexis Kagame akitwa Se-Mateka. Iyo batabaho, « **Amaliba y'Amateka y'U-Rwanda** » aba yarasibanganye yose yose[1].

[1] Uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera, koko. Iyaba byibura n'ayo Maliba y'Amateka ibindi bihugu by'Afrika byayagiraga. Uretse U-Rwanda, Sénégal, Éthiopie, n'ibindi bihugu bicye, ahandi hose muli Afrika y'Abirabura, Amaliba y'Amateka, Abazungu barayalimbaguye, arasibangana. Kwandika Amateka ya Kera, byarananiranye. Ni gutyo bimeze i Burundi, muli Kongo, … Abarundi birababababaza cyane kuba byarananiranye kwandika Amateka y'U-Burundi bwa kera, kubera izo mhamvu. Bali bafite Umwami w'umusongarere witwaga Mwambutsa IV Bangilicenge. Ntiyabyitayeho. Nta na Alexis Kagame Se-Mateka wahabaye ! Kugira ngo bamenye Amateka yabo, banakira U-Rwanda, barebareba aho U-Rwanda rwaba rwararwanye n'U-Burundi. Abashi nabo ni uko. U-Rwanda ni rwo cyitegererezo mu Karere. Ibi bikababaza cyane U-Bubiligi, ukuntu Amaliba y'Amateka y'U-Rwanda yabaciye mu

Ni gutyo rero Alexis Kagame yanditse : *Ubwiru, Ubucurabwenge, Ibisigo, Ibitekerezo, Ibitekererezo by'Abami, Inanga, Indilimbo z'ingabo, Ibyivugo, Ibitekerezo by'imitwe y'ingabo, Ibitekerezo by'imitwe y'Inka, Amazina y'Inka, Ibitekerezo by'imilyango.* **Ibi rwose ntabwo ali Amateka.** Byitwa « **Amaliba y'Amateka** : ***Les sources de l'Histoire*** ».

Amateka [= *Histoire*] ni *Analyse historique rigoureuse* umushakashatsi scientifique akora yishingikilije « **Amaliba y'Amateka** », n'ubundi bushakashatsi bwose bunyuranye, kandi agendera kuli ***problématique*** no muli ***modèle d'Analyse*** ye yihitiyemo. Ubwo burenganzira rero, rwose rwose, nta Munyarwanda n'Umurundi n'umwe wali ubufite. Alexis Kagame icyo yali yemerewe gusa, **ni ugufukura no kulinda Amaliba y'Amateka [= *collecte des sources de l'Histoire*].** Bamwitaga « ***collectionneur des traditions*** ». Yiliranwaga ***enregistreur***. Ababiligi babili biyitaga ''savants'' ni bo bonyine gusa bali bafite ubwo burenganzira bwo kwandika Amateka y'U-Rwanda. Nibo bonyine bali balihaye ububasha bwa gikoloniza bwo gusesengura ibyo bintu, bimaze gusarurwa. Aliko ibintu bakoreye Abanyarwanda ni Amarorerwa ! Muzi ko nta n'Umunyarwanda n'umwe wali wemerewe no kwandika article mu Kinyamakuru atabanje kurebwa na ***services des renseignements coloniaux belges ?*** Nankanswe kwandika Amateka !

Muli make rero, Alexis Kagame nta Mateka yigeze yandika mbere ya Indépendance. Yali umulinzi w'Amaliba y'Amateka. Icyo yakoraga gusa ni ukwandukura, ni ugufukura no kulinda. Yali ***collectionneur des traditions.*** Sylvestre Nsengiyumva alitiranya Amateka [= ***l'Histoire***] n'Amaliba y'Amateka [= ***les sources de l'Histoire***].

Nyamara, ibi byose Mwalimu Mureme Kubwimana yarabisobanuye birambuye mu gitabo cye yise : **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-cours-dintroduction-generale-aux-sciences-historiques-rwandaises-du-mwalimu-mureme-kubwimana-edition-sciporwa-rouen-janvier-2017-294-pages/**

Rwose, rwose, mbere ya 1962, Alexis Kagame Se-Mateka ntiyali Umunyamateka. Ahubwo yali Umulinzi w'Amaliba y'Amateka. Igrade y'umunyamateka [= ***historiographe rwandais***] yalihawe na Prezida wa Republika Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge. Ntabwo rero ali Ibwami balimuhaye. Sylvestre Nsengiyumva ni umutekamutwe. Arasabota Opozisiyo nyarwanda abizi neza kandi abishaka. Kandi abo alimo asabota, arabazi neza. N'abo akorera, barazwi. Kandi byose akabikora yigira nyoninyinshi. Yigize « *animateri wa Revolution !!* ». Kandi nta ***courant idéologique*** abalizwamo. Ni Fake ! Ni Gatumwa.

2. Hagati ya 1962 na 1968

---

myanya y'intoke. Ububiligi bwarashobewe. None, ngo iki ! **Un Peuple ifite Amaliba y'Amateka, c'est un peuple très fort.** Niyo uyikolonije, byanze bikunze, iragushibukana. **Urugero : Abayahudi, Abahinde, Abashinwa, Abayapani, Abazungu, Abarabu, …..**

Alexis Kagame yatangiye gukorana na Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge na Joseph Gitera Se-Republika kuva muli 1959, mu bulyo bw'uko Alexis Kagame Se-Mateka na Stanislas Bushayija bali abapadri b'Abatutsi modérés. Alexis Kagame Se-Mateka yapingaga Unar, kubera François Rukeba, Michel Kayihura, Alexandre Kayumba, …. Yangaga ibikorwa byayo[2]. Alexis Kagame Se-Mateka yivugiraga ko iwabo bali Abatutsi b'Abasinga ; ko bali Abatunzi aliko batali Impfura z'imbere. Umunsi umwe yanatwibwiliye ko ali Umututsi, yego ! Aliko ko ali Invange y'Abahutu n'Abatutsi : akaba aliyo mhamvu afite indeshyo y'Abatutsi, akagira isura y'Abahutu. Kubera ibyo, ntiyali extrémiste Tutsi nka ba Eustashe Byusa, Louis Gasore, n'abandi, n'abandi. Icyo Mutara III Rudahigwa Se-Muco yamuciye rero si Ubupfura bwe, cyangwa Ubutore bwe, ahubwo ni ingabire ze, yali afite zitali zisanzwe.

Iyo Sylvestre Nsengiyumva amwita un aristocrate, w'umufanatique w'Abami, aba alimanganya mu byo atumva. Muli rusange, impfura z'imbere bali Abatutsi b'Abanyiginya, b'Abega, b'abakono, b'Abaha, b'Abakwôbwa, b'Abatege n'Abatsobe. N'abandi Batutsi babahakwagaho. Uko byali bimeze mbere ya 1959, n'ubu ni ko bimeze.

Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge yatangiye gukorana ku mugaragaro na Alexis Kagame Se-Mateka nyuma ya Indépendance. Bashakaga kurema Université mu Rwanda. Babigezeho, kuko Unr yatangiye en 1963. Ni Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge wagize Alexis Kagame Se-Mateka professeur titulaire muli Unr. Ni we wamugize historiographe du Rwanda. Ni ukuvuga Nyirububasha bwo kwandika Amateka y'U-Rwanda. Amuha ikipe yo kumufasha ilimo Paulin Muswayire, Cyprien Rugamba, Joseph Gitera Se-Republika, Donat Murego, Boniface Musoni, n'abandi, n'abandi. Ntabwo rero Alexis Kagame Se-Mateka ali we wabyigize, ibyo byose. Si Abatutsi babimugize. Si n'Ibwami babimugize. Ibyo yanditse, yabyanditse afatanyije n'Abahutu n'Abatutsi. Ntabwo ali imififiko y'Abatutsi cyangwa y'Ibwami. Byakozwe mu nyungu z'U-Rwanda, ku mugaragaro, kandi mu bufatanye na Présidence de la République.

Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge yaravugaga, ati : « ***Intiti yose y'Umunyarwanda igomba kwitabazwa hatitawe ku bwôko bwayo*** ».

3. Muli 1968 – 1969

Dore Ubuhamya bwa Mureme Kubwimana nk'umuseminari : « *Muli 1968 – 1969, twali muli 3ème latine, mu iseminari i Kansi. Alexis Kagame yali professeur permanent*

[2] Alexis Kagame Se-Mateka yivugiraga ko ibintu byo kwimika Kigeli V Ndahindurwa ku nva ya Mutara III Rudahigwa byamubabaje cyane. Ngo ukuntu Abatutsi biyitaga Impfura barenzwe n'ibyishimo, bagwiliranaga, basimbagiza Kigeli, inva ya Rudahigwa icyasamye, byamuteye ishozi. Cyakora ngo we ntiyali ku nva, kuko yali yaheze muli embouteillage. Aliko ngo yarabimenye byose byose uko byagenze. Yaravugaga ngo Unar nta shyaka lyalimo, kabishywe itsinzwe ; ngo ubuyobozi bwayo bwali bugizwe n'igisahiranda François Rukeba, n'intagondwa z'Abatutsi nabo b'ibisahiranda [= *ibi byo rwose yaranabyanditse*]. Umuntu nk'uyu wamwita gute umu-Unariste ushaka kugarura Unar ?

w'Ikinyarwanda n'Amateka y'U-Rwanda. Tugiye kubona, tubona ikigabo cyambaye costume y'umukara. Twitegereje, dusanga ni Alexis Kagame, utarajyaga akuramo ikanzu ! Abonye twashukuye mu madilishya, araza wese, wese, aradusohora, tujya imbere y'amashuli. Aratwiyereka cyaneee. Turanezerwa, tumuha amashyi menshi. Maze aratubwira, ati : « Mwumve rero, Bwana. Prezida wa Republika yamhaye misiyo y'ibyumweru bibili, i Paris muli UNESCO no muli OUA Addis-Abeba. Ubu ndagiye. Musigare amahoro ! ». Yatwitaga **Bwana,** tukagira ngo ni « ***Messieurs*** ». Ahubwo yavugaga « ***chers enfants*** ».

Iyo misiyo ni Prezida wa Republika wayimuhaye. Si Ibwami bayimuhaye. Si Abatutsi bayimuhaye. Ntiyagiye guhagaralira Abatutsi. Yagiye guhagaralira Abanyarwanda nka **historiographe w'U-Rwanda.** Ubwo se, iyo Sylvestre Nsengiyumva avuga ngo Alexis Kagame Se-Mateka ni Umunyamateka w'Abatutsi, w'Abanyiginya, w'umu-aristocrate, w'umufanatique w'Abami, yumva ali muzima ? Cyangwa !

Ntibyagarukiye aho. Alexis Kagame Se-Mateka yajyanye muli misiyo na ministre w'Uburezi, Harelimana Gaspard, mu Bubiligi kugarulisha amagufa ya Cyilima II Rujugira, Ababiligi bali baratwaye, ngo bagiye kuyapima ! Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge yaravugaga, ati : « *Ayo yose ni Amateka yacu. Niyo yaba ali umuturage usanzwe wataburuwe, akajyanwa mu Bubiligi, amagufa ye agomba kugarurwa mu Rwanda, nankaswe Umwami ! Ubu se, kuki Abanyamisiri bakomeye ku Mateka y'Aba-Pharaons, kandi bo ali Abarabu bahigaruliye mu bya vuba ?* ».

4. Muli 1969 – 1971

Muli iyo myaka, ni ho Mureme Kubwimana yakoranye bya hafi na Alexis Kagame Se-Mateka, kandi ni naho habaye ibikorwa bikomeye cyane mu bwanditsi bw'Amateka y'U-Rwanda.

Muli 1969, Alexis Kagame yagizwe Recteur wa Seminari ya Kansi. Muli 1970, Mureme Kubwimana atorerwa kuba Doyen de la Communauté, kugeza hafi arangiza Rhétorique muli kamena 1971. Barabonanaga buli munsi. Izo ngendo zose Alexis Kagame yakoraga zo kujya i Kigali n'ahandi, yasigaga abibwiye Doyen, akongeraho, ati : « *Nibiba ngombwa, ujye ujya kureba padiri Boniface Musoni (= préfet des études)*». Iyo yabaga atali bugaruke uwo munsi, yasigaga avuze aho agiye. Yagaruka, akavuga ko yagarutse. Izo ngendo zose, icyo zali zigamije ahanini, ni Ubwanditsi bw'Amateka y'U-Rwanda Alexis Kagame yakoranaga na Présidence ya Republika.

Taliki ya 20 gashyantare 1971, haremwe Académie rwandaise de Culture (A.R.C) na Arrêté présidentiel N° 168/03. Taliki ya 23 gashyantare 1971 hatowe, muli Congrès national culturel rwandais, Abanyarwanda balindwi bagize Comité directeur. Alexis Kagame Se-Mateka yaratowe, atorerwa kuyijyamo nka historiographe w'U-Rwanda. Yatowe n'Abahutu, n'Abatwa n'Abatutsi. Ntabwo rero ibitabo by'Amateka yanditse byali imififiko y'Ibwami cyangwa y'Abatutsi. Byali inshingano yahawe n'Igihugu nk'intiti y'umwenegihugu.

Na none rero, mu bulyo bwo gucukumbura birambuye Amateka ya Revolisiyo nyarwanda ya mbere, Donat Murego yahawe bourse yo kujya kuyakoraho thèse de Doctorat muli Université catholique de Louvain i Leuven. Louvain-la Neuve yali itarabaho. Ibyo bintu byarabaye. Amateka ya Revolusiyo ya mbere, ni Donat Murego wayanditse, aheraheza ibyanditswe muli rusange na Alexis Kagame Se-Mateka. Muli make rero, ibyerekeye Révolution nyarwanda ya mbere ni Donat Murego wabicukumbuye. Si Mgr Alexis Kagame Se-Mateka.

5. Muli 1971 – 1981

Ni muli iyo myaka, bwa mbere mu Mateka y'U-Rwanda, U-Rwanda rwasohoye ibitabo byarwo by'Amateka ; byanditswe bibili na Alexis Kagame Se-Mateka, ikindi na Donat Murego.

- ***KAGAME SE-MATEKA Alexis, Un Abrégé de l'Ethnohistoire du Rwanda,*** *Éditions universitaires du Rwanda, Butare, 1972, 286 pages*
- ***KAGAME SE-MATEKA Alexis, Un Abrégé de l'Histoire du Rwanda, de 1855 à 1972,*** *Éditions universitaires du Rwanda, Butare, 1975, 543 pages*
- ***MUREGO Donat, La Révolution Rwandaise,*** *1959 – 1962, ISPS, Louvain, 1975*

Rwose, ibi si ibitabo by'Ibwami. Si ibitabo by'Abanyiginya. Ni ibitabo byo muli Republika. Uretse ko n'Ubwami ali Amateka y'U-Rwanda.

Icyakongerwaho ni uko icyatindije igitabo cya kabili ali Itemayeze (= Kudeta) lyabaye kuwa 05 nyakanga 1973. Juvénal Habyalimana Rutemayeze yasabye ko bamuzanira ibyo bintu Alexis Kagame yakoranye na Grégoire Kayibanda, mbere yuko bijya muli imprimerie. Yarabitindanye cyane. Kera kabaye batumye kuli Alexis Kagame Se-Mateka, baramubwira ngo basanze nta kibi kilimo ; ali ibintu bili scientifique ; bishobora gutangazwa. Cyakora bamutegeka gushyira ku mapaji ya mbere [= *à la une*], mbere na mbere ifoto nini cyane ya Juvénal Habyalimana Rutemayeze, ubundi hagakulikira amafoto 10 y'abacamarades bandi icumi ngo b'uwa gatanu nyakanga. Ibyo bintu nibyo byatumye Mgr Alexis Kagame Se-Mateka azinukwa kongera kwandika Amateka. Yigiliye mu byo gushyira Bibliya mu Kinyarwanda no mu bindi bindi bitalimo rwaserera, nk'Amazina y'Inka, …. Yatabarutse ku wa 02 ukuboza 1981.

Ibyo byose nibyo byatumye aho Fpr Inkotanyi ifatiye Ubutegetsi, muli 1994, ihita ijugunya Ibitabo bya Mgr Alexis Kagame Se-Mateka kubera imikoranire ye ya hafi yagiranye na Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge, amamisiyo alyoshye yamuhaga, n'amafoto ya Juvénal Habyalimana Rutemeyeze n'aba-camarades be, yali yarategetswe gushyira mu ntangiliro z'igitabo cya kabili (= *à la une*). Ni gutyo umurage wa Mgr Alexis Kagame se-Mateka wahise wigumira **mu Basangirangendo,** wose, wose.

Amayeli y'ingenzi Intasi za Fpr Inkotanyi zikoresha rwihishwa mu kurwanya **modèle AKM « Mgr Alexis Kagame et Mureme »**, ni abili. Iyo ishaka kubwira Abatutsi, iravuga, iti : « ***Ni ibintu by'Abahutu. Ntimubona ko ali Mwalimu Mureme Kubwimana ubihagaraliye ?*** ». Yashaka kubwira Abahutu, igashaka ibandi y'Umuhutu, ikayituma kuvuga, iti : « ***Ni ibintu by'Abatutsi b'aba-Aristocrates b'Ibwami. Ni ibintu by'Abanyiginya. Ntimuzi se ko Alexis Kagame yali un Aristocrate et un fanatique w'Abami ?*** ». Aliko ibyo byose bakilinda kubyandika kuko nta mu-Intellectuel wemerewe gukora gutyo. Ubulyo bwiza bwo gukora manipulation, ni ukuvuga amagambo, -Amagambo menshi aculikiranye- ukilinda kwandika. [= ***Verba volant, scripta manent !***].

D. Gihamya zindi z'Ubutekamutwe bwa Sylvestre Nsengiyumva (= *un bandit politique*).

Na zo ni nyinshi cyane aliko ntawazitindaho. Iby'ingenzi byali biliya bivuzwe hejuru.

1. **Ngo mouvements politiques z'Abanyarwanda nta projet de Société zigira. Ngo ntayo abona. Donc, ubwo atayibona ntibaho ! Hanyuma se iyi ni iki ?**

    - **http://www.editions-harmattan.fr/index.asp?navig=catalogue&obj=livre&no=43298**
    - **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-mureme-kubwimana-manifeste-politiste-du-mcr-abasangirangendo-ou-du-centrisme-revolutionnaire-rwandais-edition-sciporwa-rouen-juin-2018-108-pages/**
    - **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-mureme-kubwimana-ikusanyilizo-lyamabwiliza-yimyandikire-yikinyarwanda-edition-sciporwa-rouen-juin-2018-150-pages/**
    - **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-theorie-de-la-spirale-de-la-violence-rwandaise-these-de-doctorat-de-specialisation-en-sciences-politiques-rwandaises-par-mwalimu-mureme-kubwimana-edition-scipor/**

2. **Ngo opozisiyo nyarwanda nihindure logiciel, yoye kongera kuvuga Abahutu, Abatwa n'Abatutsibagufi. Ngo ahubwo ikibazo ni Abanyamurengwe bagashize na Rubanda igôka.**

    Iyo ni imvugo y'ibinyoma ishaje, ya yindi neza, neza ya Unar na Fpr Inkotanyi bashaka kulya U-Rwanda bonyine ubuziraherezo. Abantu baravuga ibili byo bakagerekwaho urusyo rwo kwanga Abatutsi. Babangira se iki ?

    Akaliho karavugwa. **Mcr Abasangirangendo** ntiyanga Abatutsi, kuko nabo bayilimo. Nabo barabivuga. Twese tuli Benemugabumwe. Aliko rero, niba mu Rwanda, ***Igisilikare, Igipolisi, DMI, DASSO, Ubutaka, Akazi, Amabanki,***

imbunda, indege z'intambara n'ibindi, n'bindi, byose ali iby'Abahima b'Abavântara, ni kuki se Abahutu, Abatwa n'Abatutsibagufi batashengurwa n'ako kaga n'ako kangaratete ? ***Système colonial*** (= Igisuti) y'Abahima b'Abavântara ni yo kibazo. Ikibazo rero si amôko. Abatutsi bose si Abanyagisuti. Aliko Igisuti kigizwe n'Abatutsi gusa. Inkotanyi zilimbagura Abahutu n'Abatwa hilya no hino kuva ku wa mbere ukwakira 1990, kugeza uyu munsi, ziba ali Abatutsi gusa gusa. Garde présidentielle ya Paul Kagame Rwabujindili ni Abatutsi gusa gusa. Abahutu, Abatwa n'Abatutsibagufi bishwe n'ubwoba. Baradagadwa umunsi n'ijoro. Bapfuye bahagaze.

Iyo ***système colonial Hima-Tutsi*** niyo ituma Umukoloniza w'Umuhima w'Umuvântâra atunga ibya Mirenge-ku-Ntenyo, akaba Intare batinya, n'Umunyamurengwe wagashize, naho Gahutu, Gatwa na Gatutsikagufi, akadagadwa, akicwa n'ubwoba n'inzara, agapfukamira Umuhima w'Umuvântâra. Umu-Hima-Tutsi yabuzwa se n'iki gukoloniza Gahutu, Gatwa na Gatutsikagufi, n'ibibunda byose afite, yarunze ; n'aba-GP be ; n'Ibisumizi bye ; mu gihe abandi nta n'uwemerewe kugendana n'uruhindu ? ***Umukoloniza agomba kuvugwa. Ni Noblesse Hima-Tutsi (= Igisuti cy'Abahima b'Abavântâra). Ukolonijwe agomba kuvugwa. Ni Gahutu, Gatwa, Gatutsikagufi. Apana kujijisha ngo Rubanda igôka. Iyo Rubanda igôka ni bande ? Ngo umuturage ! Uwo muturage ni nde ?***

Rero si Abahima b'Abavântâra banzwe, ahubwo hanzwe ***système colonial yabo (= Igisuti).*** Hanzwe imyitwalire mibi cyane yabo. Si ikibazo cy'amôko, ni ikibazo cya ***système colonial Hima-Tutsi*** igomba kwamaganwa no guseswa. Yego, n'Abahutu bakoramo. Aliko abo ngabo bitwa [= *les auxiliaires de la Colonisation Hima-Tutsi*]. Kimwe n'uko Abirabura nka Anastase Makuza nabo bakoraga muli Système colonial belge. Système colonial belge yali ilimo Abirabura. Ibyo byitwaga « ***Administration indirecte*** ». Ubulyo bwiza bwo gukoloniza Abahutu n'Abatwa, ni ukubifashwamo n'Abahutu n'Abatwa ubwabo [= ***Divide ut regnes***].

Rero, Sylvestre Nsengiyunva yitugerekaho urusyo rwo kwanga Abatutsi. Ngo we arabakunda cyane kuko Se ni Umuhutu, Nyina akaba Umututsikazi. Ibyo rwose turabishimye. Aliko yitubeshyera. Yibeshyera Aba-Revolutionnaires bo muli 1946-1962. Ntibyali tribalisme. **Byali Conflit politique et social. N'ubu kandi ni uko !**

E. Umwanzuro

Muli make, ibyo Sylvestre Nsengiyumva alimo ni Ubutekamutwe (= *banditisme politique sans principes*). Asabwe kureka gukomeza kwiruka kuli **modèle AKM « Mgr Alexis Kagame na Mureme »** no kuli Opozisiyo nyarwanda.

Aravuga ngo ni intiti yize UNR, yiga Louvain-la-Neuve, yiga Aix-en-Provence. Noneho rero, natangaze ku mugaragaro thèse ye, avuge ati : « ***Dore icyo namaliye U-Rwanda*** ». Intiti ni igaragaza ibikorwa byayo muli Maison d'Édition. Ntabwo Intiti yilirwa isebanya ku maradiyo ya Internet. ***Sylvestre Nsengiyunva, Thèse yawe ili he ? Ilihe ngo Abanyarwanda bayirebe ?***

Niba Sylvestre Nsengiyumva azi ubwenge, nareke gusebanya, gusisibiranya, gucabiranya no kuyobya uburali. Aliko cyane cyane, nareke buliya buraya bwe muli Fpr Inkotanyi. Niba koko Fpr Inkotanyi yaramweretse indege, yaramaze. Ibandi nk'iyi nta kindi kiyikwiliye. Bashobora kuba barayize, bagasanga batashobokana. Niba kandi ahubwo Fpr Inkotanyi yaramuhaye akandi kazi ko gukorera hanze y'U-Rwanda, nabwo, ni hahandi, Opozisiyo nyarwanda izamwereka indege. Ahubwo, niba afite modèle ye, nayivuge ku mugaragaro. Abantu babanze bayimenye. Nawe amenye neza abo bali kumwe.

Mu kurangiza rero, nasoza ngira, nti : « *Twebwe Abasangirangendo [= **Les Centristes Giteristes-Kayibandistes**] dufite logiques zacu, dufite Personnalité collective yacu, dufite Intekerezo yacu, dufite Intwali zacu dusingiza, dufite umushinga wa Sosiyete wacu, dufite définitions zacu, dufite Indoro yacu (= notre regard légitime sur l'Objet politique rwandais), dufite Ingendo yacu, dufite modèle yacu AKM, etc.* ». Buli ***courant idéologique*** igira **modeli** yayo. Buli ***peuple*** igira modeli yayo. Buli ***peuple*** igira ***logiques*** zayo. Buli ***peuple*** igira « Ivoma lyayo ly'Ijuru [= *ses propres systèmes de représentation du Monde*] ». Buli ***peuple*** ibaho uko ishaka. Buli ***peuple*** yandika Amateka yayo uko ishaka, byashimisha iyindi cyangwa bitayishimisha, kabone n'iyo yaba ***Université de Louvain-la-Neuve*** cyangwa **Ububiligi** bwakolonije U-Rwanda. Ibyo rwose, nta cyo guhisha kilimo.

Ibyo Mgr Alexis Kagame Se-Mateka yakoze, byemejwe na Grégoire Kayibanda Se-Bwigenge ; byemezwa na Juvénal Habyalimana Rutemayeze, wanamuhaye umudali w'ishimo. None, nyuma y'intambara itoroshye Mwalimu Mureme Kubwimana yarwanye yo kuzahura ibikorwa Mgr Alexis Kagame Se-Mateka yasize akoze, mu bulyo butunguranye, na Paul Kagame Rwabujindili aherutse kumugenera umudali w'ishimo agerekaho n'igihembo cya miliyoni eshatu z'amafaranga y'U-Rwanda. Banatumye kuli Mwalimu Mureme Kubwimana ; bamutumaho intumwa atabikekeragaho ; yanga kuyunva, ahita anayica mu rugo rwe kuva ubwo, ndetse ahita anacana umubano nayo burundu. Fpr Inkotanyi ifite indimi ebyili. Izi gusesera, birakabije !

Byageze aho na Paul Kagame Rwabujindili, nawe ubwe yigaya [= *examen de conscience*], ati : « *Mgr Alexis Kagame uliya, wemerwa n'Abahutu, n'Abatwa, n'Abatutsi, n'Abanyamahanga kuliya ; wemerwaga bihebuje na Data wambyaye Déogratias Rutagambwa na Mama wambyaye Astéria Bisinda ; kugeza n'ubwo banyita izina lye bwite KAGAME, likaba linkujije, likaba lyaranteye umutwe mwiza ungana gutya, likaba lyarangize Umwami Nyirurwanda ; oya rwose nanjye nta shingiro mfite lyo gukomeza kumusuzugura. Ahubwo naratinze. Nanjye ndigaye cyane !* ».

Muli make, Mgr Alexis Kagame Se-Mateka, ni intwali idasanzwe mu maso y'Abakuru b'Igihugu bose bayoboye U-Rwanda. Ni intwali idasanzwe mu maso y'U-Rwanda. Ngibyo rero ibyo Abanyarwanda bemeje. Niba Sosiyete nyarwanda yose yemera Mgr Alexis Kagame Se-Mateka n'ibikorwa bye, ukutamwemera kwa

Sylvestre Nsengiyunva ntacyo kuvuze, na busa. Ubwo se, Sylvestre Nsengiyunva arahera he, yihandagaza ngo « *Jyewe sinemera ibikorwa bya Mgr Alexis Kagame ! Jyewe sinemera Mgr Alexis Kagame ! Ibyo yakoraga si byo ! Ndabigaye ! Ndabikritika !* ». **Sylvestre Nsengiyumva ni igiki ? Aratwirukaho kuki ? Aradusenyera nka nde ? Aradusebereza Umubyeyi nka nde ? Twamugize dute ? Ibi ni ibiki ? Ibi ni biki ? Ibi ni ibikiii ? Ni kuki Sylvestre Nsengiyumva yibwira ko ibidahuye na logiques ze biba bitali logique ?** *Ce n'est pas conforme à mes logiques. Donc ce n'est pas logique.* Ngiyo imyitwalire igayitse cyane y'ibandi Sylvestre Nsengiyunva, yilirwa yikaraga ku « **Ikonderalibre.com** » cyangwa kuli **« Radio Ubumwe »,** ngo : « ***critique, critique, critique, critique, critique, critique ...*** ». Ni kuki uyu muswa nta lindi jambo agira mu kanwa ke ? Niba azi gukritika, azabanze akritike ububandi bwe. Niba azi kujya inama, azabanze ayigire.

Namara gukritika ububandi bwe, namara no kwigira inama, noneho azave ku Giti « **Mgr Alexis Kagame Se-Mateka** », ajye ku Muntu « **modèle AKM** ». **Va ku Giti, dore umuntu !** Azakritike **Thèse de Doctorat ya Mwalimu Mureme Kubwimana**, ali nayo **Technologie de pointe ya modèle AKM « Mgr Alexis Kagame et Mureme »**. Ngiyi : **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/rwanda-vient-de-paraitre-theorie-de-la-spirale-de-la-violence-rwandaise-these-de-doctorat-de-specialisation-en-sciences-politiques-rwandaises-par-mwalimu-mureme-kubwimana-edition-scipor/**

Ngaho se ! Gerageza !

Nta Rusoni ! Urahimbira kuli Mgr Alexis Kagame Se-Mateka kuko atakiliho ! Ikindi, ***la Lutte intellectuelle se fait uniquement par écrit scientifique, et dans une langue internationale, mais non en Kinyarwanda sur une Radio-Internet Ikondera ou Ubumwe.*** **Keretse rero niba Aix-en-Provence bigisha mu Kinyarwanda !**

Niba rero, Sylvestre Nsengiyumva atabishoboye, ibyo byo kwandika un article scientifique dans une langue internationale, naduhe amahoro. Niba hali icyaha (= *tort*) twakoze, inkiko zirahali. Turamwiyamye. Natuvane mu kanwa.

Bikorewe i Paris, kuwa 14 ugushyingo 2018

Mwalimu MUREME Kubwimana,
Statisticien-historien-économiste et politologue rwandais,
Représentant du modèle AKM « Mgr Alexis Kagame et Mureme »

Pour commander ses livres : prière de bien vouloir utiliser le formulaire du site web : **http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/category/edition-sciporwa/**

Ouvrages de Mwalimu MUREME Kubwimana

1. *MUREME Kubwimana,* ***Cours d'Introduction générale aux Sciences historiques rwandaises,*** *Édition SCIPORWA, Rouen, janvier 2017, (294 pages)*
2. *MUREME Kubwimana,* ***Cours d'Histoire du Rwanda ancien, Tome 1 – Inganji Rwôga, La 1ère Dynastie Hima-Tutsi/Nyiginya-Sindi,*** *1ère Réédition, Édition SCIPORWA, Rouen, juillet 2017 (368 pages)*
3. *MUREME Kubwimana,* ***Cours d'Histoire du Rwanda ancien, Tome 2 – Inganji Kalinga, La 2ème Dynastie Hima-Tutsi/Gesera-Hinda, déguisée en Nyiginya-Sindi,*** *1ère Réédition, Édition SCIPORWA, Rouen, octobre 2017 (456 pages)*
4. *MUREME Kubwimana,* ***Cours d'Histoire du Rwanda à l'Époque coloniale, Tome 1, Colonisation germano-Hima-Tutsi,*** *1ère Réédition, Édition SCIPORWA, Rouen, septembre 2018 (156 pages)*
5. *MUREME Kubwimana,* ***Cours d'Histoire du Rwanda à l'Époque coloniale, Tome 2, Colonisation belgo-Hima-Tutsi,*** *1ère Réédition, Édition SCIPORWA, Rouen, septembre 2018 (356 pages)*
6. *MUREME Kubwimana,* ***Traité du Code ésotérique « Ubwiru Kimeza-milyango »,*** *Édition SCIPORWA, Rouen, mars 2018 (272 pages)*
7. *MUREME Kubwimana,* ***Inkuru yirambuye y' Ubwiru Kimeza-milyango ,*** *Édition SCIPORWA, Rouen, mars 2018 (206 pages)*
8. *MUREME Kubwimana,* ***Cours de Liturgie mystique Imaniste « Liturjiya ntagatifu Kimeza-milyango »,*** *Édition SCIPORWA, Rouen, mai 2018, (442 pages)*
9. *MUREME Kubwimana,* ***Théorie de la Spirale de la violence rwandaise, Thèse de Doctorat de Spécialisation en Sciences politiques rwandaises,*** *Édition SCIPORWA, Rouen, mars 2017 (286 pages)*

10. *MUREME Kubwimana,* ***Manifeste politiste du Mcr Abasangirangendo, Centrisme révolutionnaire rwandais,*** *Édition SCIPORWA, Rouen, juin 2018 (108 pages)*
11. *MUREME Kubwimana,* ***Ikusanyilizo ly'amabwiliza y'imyandikire y'Ikinyarwanda,*** *Édition SCIPORWA, Rouen, juin 2018 (pages)*
12. *MUREME Kubwimana,* ***Manuel d'Histoire politique et sociale du Rwanda contemporain suivant le modèle Mgr Kagame, Tome 1*** *: La révolution rwandaise et la première république rwandaise, L'Harmattan, collections études africaines, Paris, 2012 (434 pages)*
13. *MUREME Kubwimana,* ***Manuel d'Histoire politique et sociale du Rwanda contemporain suivant le modèle Mgr Alexis Kagame, Tome 2*** *: Du coup d'état militaire du 05 juillet 1973 au Génocide rwandais, L'Harmattan, collections études africaines, Paris (438 pages)*
14. *MUREME Kubwimana,* ***Manuel de Sociologie politique rwandaise approfondie, Tome 1 :*** *Le Rwanda, Un État-nation unitaire millénaire, L'Harmattan, Paris, 2014 (510 pages)*
15. *MUREME Kubwimana,* ***Manuel de Sociologie politique rwandaise approfondie, Tome 2 :*** *La spirale de la violence rwandaise, L'Harmattan, Paris, 2014 (650 pages)*
16. *MUREME Kubwimana,* ***Manuel d'études du Développement du Rwanda : le projet de Société centriste révolutionnaire rwandais****, L'Harmattan, Paris, 2014 (310 pages)*
17. *MUREME Kubwimana,* ***de très nombreux articles de Sciences politiques rwandaises,*** ***http://sciencespolitiquesrwandaises.fr/*** *, Paris, dès 2014*
18. *MUREME Kubwimana,* ***Manuel d'Histoire du Rwanda à l'époque coloniale suivant le modèle Mgr Alexis Kagame****, L'Harmattan, collections études africaines, Paris, 2010 (594 pages)* ***[= Clôturé, liquidé, fini et terminé].***
19. *MUREME Kubwimana, Manuel d'Histoire du Rwanda ancien suivant le modèle Mgr Alexis Kagame, L'Harmattan, collections études africaines, Paris, 2010 (638 pages)* ***[= Clôturé, liquidé, fini et terminé].***